Mu by'ukuri idini riroroshye, kandi nta n'umwe uzarikomeza usibye ko rizamukomerera, mushikame kandi mukore ibikorwa bibegereza Allah

Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Mu by'ukuri idini riroroshye, kandi nta n'umwe uzarikomeza usibye ko rizamukomerera, mushikame kandi mukore ibikorwa bibegereza Allah, munatange inkuru nziza, munabikore mu gitondo na nimugiroba ndetse n'igihe ijoro riri kurangira.

[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Bukhari]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yagaragaje ko idini ry'ubuyisilamu ryubakiye ku koroha mu mategeko yaryo yose; bigaragara kurushaho igihe hari impamvu yo kuba adashoboye gukora rimwe muri ayo mategeko, cyangwa se igihe acyeneye ikintu runaka. Kubera ko gucukumbura cyane mu bikorwa by'idini, no kureka kubyoroshya bituma umuntu ananirwa kubikora byaba byose cyangwa se bimwe muri byo. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije ishishikariza igihe cyose kuba mu rugero no kutarengera, bityo umugaragu ntakwiye kudohoka mu byo yategetswe, cyangwa se ngo akore ibyo adashoboye, iyo ananiwe gukora ibikorwa nk'uko bikwiye, akwiye gukora ibyo ashoboye. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) kandi yahaye inkuru nziza y'ingororano zihambaye z'ibikorwa bihoraho kabone n'iyo byaba bicye kuri wa wundi udashoboye gukora igikorwa mu buryo bwuzuye, kubera ko kunanirwa kugikora iyo bitamuturutseho, ntibimugabanyiriza ibihembo byacyo. No kubera ko isi mu kuri ari iy'abahisi n'abagenzi bagana ku munsi w'imperuka, Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yategetse kwifashisha guhozaho ibikorwa byo kwiyegereza Allah by'umwihariko mu bihe bitatu umuntu aba afitemo ibakwe: Icya mbere: Mu gitondo cya kare hagati y'umuseke utambitse nyuma y'isengesho ryo mu rukerera na mbere y'uko izuba rirasa. Icya kabiri: Ikigoroba izuba ryerekeye mu kirere rirengeramo. Icya gatatu: Mu ijoro ryaba ryose cyangwa se igice cyaryo, no kubera ko imirimo y'ijoro ari yo igoye kuruta iyo ku manywa, yategetse gukora micye muri yo.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/5795